RWANDA RESONANCE

# KANGURA

Rédacteur en Chef:

*NTAWUYIRUSHINTEGE Boniface*
*(Oncle NTA'GE Bony)*
*(O.NT.B.)*

Bimensuel Indépendant


N° 031

B.P.1036
Tél.: 7 2469

100 Frw

23 Septembre 1993

## 25 Nzeri 1961. : Kamarampaka yabaye umuhamuro, ariwo mukiro w'Abahutu n'abandi bose batemeye kwishinga umutima mubi wa Lunari n'izayo zose.



## 25 NZERI 1961: KAMARAMPAKA YABAYE UMUHAMURO ARIWO MUKIRO W'ABAHUTU N'ABANDI BOSE BATEMEYE KWISHINGA UMUTIMA MUBI WA LUNARI N'IZAYO ZOSE.

Kubera amakosa n'ubugome bwinshi abanyarwanda bamwe bagiye bagirira abandi, usanga hari abatifuza ko amateka y'u Rwanda amenyekana. Ugasanga barayahimba nkuko tujya tubisoma mu binyamakuru bimwe, cyangwa tubyumva kuri Radiyo Muhabura n'ahandi. Hari n'abatinya kuvuga rwose ko isomo ry'amateka ryari rikwiye guhanagurwa mu masomo atangwa mu mashuri. Iyo ukurikiye usanga babiterwa n'isoni zibafata iyo bumvise amarorerwa ba se na ba sekuru bakoreye iki gihugu, aho gushaka kubirenga ngo biyunge n'abakomoka kubo ubwo bugome bwagiriwe, bakihutira gupfukirana ukuri, ahubwo ibibi bakabihindira ku bandi, ngo ngaha igihugu cyishwe na Parmehutu badashobora kugaragaza icyo bayinenga n'icyo bayirushije.

Ubundi nkuko tubibona mu gitabo cyanditswe n'Impirimbanyi zo hambere cyitwa «Ingingo z'ingenzi mu mateka y'u Rwanda», abategetsi ba mbere b'u Rwanda bari bameze nk'ababyeyi b'ingabo zabo, ndetse muri abo bami ba mbere b'abahutu biswe abahinza, hari abari baratangiye kwagura u Rwanda. Ingoma ntutsi ngo niyo Nkuruzi y'ibyago mwene Gahutu yagize byose, ikaba yari imeze nk'ikiguri cy'ubugiranabi.

Aho abazungu badukiye mu Rwanda, bafatanyije n'Abatutsi kunyunyuza amaraso no kurya imitsi ya Gahutu, baramwonka karahava. Muri icyo gihe ariko abahutu batangiye guhumuka, banga gushirira kw'icumu 'maze basaba ko ubwo bugome bwa kwimurwa mu Gihugu bugaha icyicaro ubuvandimwe n umudendezo kuri bose. Ubuvandimwe abahutu basabaga abatutsi ntibabukozwaga, maze haza kugera igihe cy'«Urumuli rwa Demukarasi» gitangirwa n'amarira menshi aturuka ku gahinda ka bene Gahutu bazize ko bashaka kwibohora ingoyi ya Gihake na Kizungu. Ntibyateye kabiri rubanda rutangira kwitabara, ariyo ntambara yabya\ Revolisiyo ya Novemburi 1959. Iyo Revolisiyo niyo u Rwanda rukesha Kamarampaka yabaye Umuham .) ariwo mukiro w'Abahutu n'abandi bose batemeye kwishinga Umutima mubi wa Lunari n'izayo zose.

## ABATEGETSI BAMBERE B'U RWANDA BARI BAMEZE NK'ABABYEYI )
## (mbere ya 1700)

**Umutware w'umuryango:**

Gahutu amaze guhashya ishyamba ryali inganzamarumbu mu Gihugu cyose, buli muryango wagengwaga n'umukurambere bose bubahaga kandi bunviraga muli byose.
Uko imyaka yagiye ihita indi igataha, abantu bakomoka hamwe n'abo bashatseho amaboko bitoragamo umukuru uvugira iyo mbaga, agakiza imanza, akunga imiryango, agashaka amaboko, akanoza umubano n'indi miryango.
Iyo miryango yose itangira kwunga ubumwe bushingiye ku mugenga umwe. Uwo mugenga yabaga umubyeyi w'abamwisunze, akabitaho nk'abana be, kuko bali basangiye amaraso n'ubucuti n'umubano.

**Abami ba mbere b'u Rwanda:**

Abo batware b'imiryango nibo bibarutse abami ba mbere b'abahutu bagengaga u Rwanda, umwe mu gahugu ke undi mu ke. Mu bazwi cyane hali Mashira, umwami w'ababanda mu Nduga warwanyije igihe kirekire abami b'abatutsi bukeye bakamutsindisha ubugambanyi.
Mashira yali atangiye kwagura u Rwanda, yatwaraga intara zili muli Prefegitura ya Gitarama, ya Butare, n'igice cy'iya Gikongoro na Ruhengeri. (Nduga, Marangara, Ndiza, Bwanamukari, Nyaruguru n'igice cy'u Bukonya). Icyo gihe umwami w'abatutsi yatwaraga gusa agace gato ka Prefegitura ya Kigali n'iya Kibungo (u Bwanacyambwe n'u Buganza). Ndetse igihe atewe n'abanyoro, akurwa mu menyo ya rubamba na Mashira. Ingororano yamuhaye turayizi. Byabaye kumugambanishiliza. Na n'ubu hali abakomoka kuli abo bami bise «Abahinza» Mu b'ingenzi twavuga Nyamakwa mu Bushiru, Batsinda mu Bunyambiliri wavugirwaga n'ingoma nk'umwami w'abatutsi kugeza ku ngoma ya Rudahigwa.
Abahinza ni ijambo lituruka ku nshinga guhinga, ni ukuvuga ko bali abatware b'ubutaka n'imyaka, bakavuba imvura, bagacanga imbuto. Aho abatutsi badukiye mu Gihugu abahinza basigara bitiranwa n'amagomerane biturutse ko bangaga kwegulira ibihugu byabo abatutsi.
Mu by'ukuli usibye ibyo ingoma z'ibwami zali zambaye, abami b'abatutsi bigannye imihango n'imigenzo (culture) basanganye abami b'abahutu. Nk'ingoma bayisanganye abami b'abahutu, aho batsindiwe bamwe muli bo bamburwa ubutegetsi aliko basigara bavugirwa n'ingoma.
Tuzi ko mu ntara zimwe z'u Rwanda hali abo bami b'abahutu kugeza mu mwaduko w'abazungu nko mu majyaruguru y'u Rwanda no mu burengerazuba. Izo ntara zikagarulirwa umwami w'umututsi aho abazungu barutegekeye.

## INGOMA NTUTSI (kuva mu bya 1.700 - 1.894)

**Umwaduko w'Abatutsi:**

Ahagana mu mwaka w'i 1.700, abashumba bagendaga bakulikiye inka, bagaca ikiraro aho bwije, bakomeje kwangara no guhobagira inyuma y'imilizo y'inka zabo kugera igihe bahingutse mu burasirazuba bw'u Rwanda.
Bahageze barashinga baramera bizihijwe n'urwuli rutagira uko rusa mu mishibuka y'ishyamba abahutu bali baratemye. Bikubitiyeho n'uko bali bageze mu gihugu kigwa imvura kikagira n'amahumbezi. Abo bashumba alibo batutsi batangira gutura

bigа ikinyarwanda n'umuco w'Igihugu, biyegereza abaturage, ubwo batangiye kugurana ibintu; abatutsi bakazana amata, bahutu bakabaha imyaka.

Abahutu ntibali bafite ibikoresho biborohereza guhinga imirima yabo, babonye inka ikamwa, wayiliwe inyuma gusa nta indi mvune bati twatanzwe.

Ababaza Gatutsi ukuntu nabo babona inka, Gatutsi arabasubiza ati: «Umfasheho igihe nazatinda nkakugabira».

Nguko uko ubuhake n'ubuja byadutse mu Rwanda. Gahutu yana umutima mwiza, Gatutsi aramuryarya. Biza bityo.

Abatutsi baryohewe n'imilimo abagaragu babakorera bahagurukira guhaka no kwigarulira abahutu benshi. Uwabaga ahatse benshi niwe wabaga afite amaboko n'ubukungu.

**Ishingwa ry'ingoma-ntutsi:**

Abasokuruza bavuga ko abatutsi bamaze kugira amaboko bimitse umwami wabo atura hafi ya Gasabo, ho muli Komini Gikomero, Prefegitura ya Kigali. Batangira ibitero by'ubutitsa bigambiliye kwigarulira amahugu yategekwaga n'abahinza. Muli bwa buryarya no mu bwumvikane buhira abantu bake, bashuka abahutu kwirara. Binjira ŋo mu moko yabo; kuko burya abatutsi ni abatutsi nyine nta moko bagira.

Baza kwongeraho n'ubundi bushukanyi bwo gutsemba abahinza: nko kubashyingira bakazicwa n'abagore babo cyangwa abagaragu baherekeje abo batutsikazi aliko ali intasi, cyangwa umukwe yajya kwa sebukwe bakamutsindayo; ingabo ze bakazigarulira ubwo. Ibinyita bye bakabyambika ingoma zabo.

Babikomeza batyo imyaka irashira indi irataha kugeza ubwo bigaruliye igice kinini cy'igihugu, birwanaho, bemeza n'umuco wabarwanaho aliko bakuye ku w'abahutu basanze.

CENTRE DE FORMATION ET DE RECHERCHE COOP. C.F.R.C. B.P. 1318 - Kigali RWANDA

**Ubutegetsi bwa gitutsi:**

1. **Umwami:**

a. **Umwami ni Imana:**

Hejuru y'ibibaho byose hali Umwami bita "Nyirubutangwa". Umusizi wo hambere wasingizaga ingoma ntutsi yaravuze ngo «Umwami si umuntu, Umwami niwe Mana y'abantu, si umuntu na busa, ni umwami».

Ayo magambo ni nk'ishingiro ry'ububasha bw'umwami butagira rutangira yali afite ku ngabo ze no kutwazo. Nkuko Imana igenga byose, ikagena byose, n'umwami ngo nawe ni uko. Yali afite ububasha bwo kwica no gukiza aliko ubwo kwica nibwo bwiganzaga.

Iyo yabaga ashatse kwica uwo yanze cyangwa uwo bamushumulije, bavugaga ngo: «Umwami yamutanze». Bagahita bamujyana bakamwica, ibye bikagabwa, umuryango we bakawulimbura ntihasigare n'uzabara inkuru.

Yapfaga kwica kuko yicaga n'abatoni. Bavuga ko iyo Rwabugili yatangaga umuntu ngo bamwice, iyo bwacyaga akamubura yabaza aho yagiye, bati waramutanze, yahamagazaga uwamureze akamutanga nawe bakamwica. Ibyo bikatwibutsa igitekerezo cya Kamegeri: «Limwe Umwami yashatse kwica umuntu abaza abali aho urupfu rwamubabaza, Kamegeri ati: nibashyushye ruliya rutare nirumara gutukura bamubohe bamujugunyeho».

Umwami abyumvise ati: «nibafate Kamegeri babe aliwe bajugunya kuli ruliya rutare». Ni rwo rutare rwa Kamegeri mujya mwumva ruli muli Komini Kigoma, Prefegitura Gitarama.

b. **Umwami ni nyilibintu byose:**

Amatungo yose, ali imyaka, ali ubutaka, ali ubwatsi bw'inka, ali n'abantu, mbese icyali mu Rwanda, byose byali iby'umwami, yashoboraga kubikoresha icyo ashatse ali ukubyikubira, ali ukubigabiza abe ali no kubigabira abatoni be. Buli muhinzi yagombaga gutanga amakoro, umutunzi bakamutora mu nka ze, intore, bikajya ibwami, mu batware, mu bisonga ndetse no mu bamokereza.

2. **Umugabekazi:**

Ubundi Umugabekazi aliwe nyina w'Umwami yimanaga n'umuhungu we. Ni ukuvuga ko bali basangiye ubutegetsi. Agasa nkaho aliwe ufite ububasha ku buryo Rwabugili yimika Rutalindwa yamwimikanye na Nyirayuhi utali nyina, bituma Nyirayuhi yishyiliraho umuhungu we Musinga, yicisha Rutalindwa, nibyo byateye intambara bise «Ibyacikiye ku Rucunshu».

Igisetsa nuko mu mihango yabo bavugaga ko mu bana b' Umwami havamo umwe rukumbi akavukana imbuto, ali nawe uzasimbura se, umuntu yakwibaza aho Musinga yazikuye kuko zali zaravukanywe na Rutalindwa.

No mu bemera iyo mihango, basanga Musinga n'abamukomokaho bose nta n'umwe urangwaho umurage w'ubwami. Kuli bene abo umwami wa nyuma wavukanye imbuto yaba Rutalindwa, abamukulikiye bibye ingoma.

Umugabekazi nawe yali afite ububasha bwo kwica. Nka Nyirayuhi yali afite inkota ye yitwaga «Ruhuga», yavuga ati : «Ruhuga ifite inyota», bakazana umwana w'umushishe bakamwuhira amata, yamara kumwuzura inda, akayimushinga akamuhagurukiraho.

Nta wakwibagirwa kuvuga ibyago bya Kayijuka banoboye amaso ngo yeretse abazungu Nyirayuhi.

3. **Abiru:**

Abiru bali abantu bashinzwe amabanga y'ubwami alibyo bitaga: Ubwiru; nko kumenya uruhererekane rw'abami, umwana w'umwami wavukanye imbuto, imihango yo kwambika Kalinga (Ingoma y'ubwami), n'iyo kwimika umwami uwaliho amaze gupfa.

4. **Abatware:**

Haliho abatware b'ibyiciro bitatu:

- Umutware w'ubutaka
- Umutware w'ubwatsi
- Umutware w'ingabo.

Umutware w'ubutaka yagengaga iby'ubutaka, imyaka, agakoresha amakoro, akengesha amuki, akagaba imilima n'inkungu.

Umutware w'ubwatsi yali ashinzwe urwuri rw'inka, ibikingi, ibisigati, imibande kugirango inka z'Umwami n'iz'abatutsi zibone aho zilisha.

— Umutware w'ingabo yali ashinzwe amatorero, gutora intore (abatutsi) n'ibitsimbanyi (abahutu baherekezaga ingabo bashinzwe kwikorera imitwaro, kunyaga, gusahura bakagarukana iminyago). Abo batware bose bali abatutsi.

Ibyegera byabo bikaba abatutsi. Ndetse n'udututsi utu bita sininerumutsima : twishingikilizaga bene wabo batwaraga.

5. Abatutsi:

a. Agasuzuguro k'abatutsi:

Nkuko aba Hitler babyadukanye i Burayi, Abatutsi nabo bali bazi ko alibo bwoko buruta ayandi yose ku isi, bwaremewe gutegeka no kurya imitsi y'abahutu kuko babeshyaga ngo bavuye mu Ijuru biyita Ibimanuka.
Ku bwabo Umuhutu ntacyo yali cyo. Abatutsi baramusuzuguraga, baramunenaga (aliko nka ya mbeba ngo: banena umubyimba, bakanenuka...), bamukoreshaga nk'ingorofani, bamutwaraga utwe igihe bashakiye, bamukubitaga iz'inzoka, bamuciraga mu maso, aho ahise bakamuhindura ruvumwa, ikibaye cyangwa ikivuzwe ngo : «ni icyo Gihutu, dore uko gisa, dore iyo ndeshyo, dore iyo ndoro, dore infundo nk'iz'ubuhili, dore ayo mazuru nk'ay'imivuba», n'ibindi byose byo kumugira ayo ifundi igira ibivuzo.
Ndetse ku mututsi inka yarutaga umuhutu, urugero: umututsi yasangaga umushumba akubita inka, akamumerera nabi, nyamara yasanga umuhutu ali mu kaga ntamurebe n'ilihumye ahubwo akamusonga.
Abatutsi bali barakwije ko nta muhutu ushobora gutegeka: abanyamahanga babisamira hejuru.

Bati : «nta bwenge bw'umuhutu, ntagira ikinyabupfura, ntazi kubana, ntazi gutarama, ntazi gucyocyorana, ntazi guhamiliza, ntazi no kubeshya alibyo bitaga ubwenge."
Umututsi aca umugani ngo: "Umuhutu uramushima agashimuta; Umuhutu ntashimwa kabili, utumabahutu agira benshi."

b. Ubuhake:

Ubuhake ni ukwiyegulira umututsi wowe n'urubyaro rwawe n'abagukomokaho bose, akakugabira inka umaze ku buhange imyaka itabaze. Naho uyiboneye agashoboro kuyikunyaga aho ashakiye ndetse n'iyo wihahiye ikajya mu mubare w'izo ugabanye. Iyo umugaragu yagabanaga inka ali umuhutu yagombaga guhingira shebuja, kwubaka inkike, gutura amayoga, gutanga insokanwa, kumutwaza inkono y'itabi, kumwikorerera inkangara, gufata igihe alibyo kujya kuba kwa shobuja ukamara igihe (hali abagarukaga barasize inda bakayoberwa umwana wavutse), kumugagaramo, kumwoza ibirenge.
Muli icyo gihe umugaragu yakoraga imilimo yose y'imuhira guhinga, gutera intabire, kubagara, gusarura, gukura ibijumba, kwenga, gushigisha, kuvoma, kwasa, gucana igishyito, kwikorera imitwaro, guteka, kwubaka urugo, kwugalira, kwugurura, kumesa, gukuka, gukubura, kugaragira nyirabuja, gutekera umwana w'umututsi ali mu ntore cyangwa mu ishuli n'indi milimo yose inaniza umubili. Ibyo byose Umuhutu yabikoraga ubuzima bwe bwose akabiraga n'abana n'abuzukuru ndetse n'ubuvivi bikaba akarande.

c. Akarengane:

Muli icyo gihe, Umuhutu yali igikoresho mu buzima bwe bwose. Ntiyashoboraga kubona igihe cyo kwikorera, utwo abonye abatutsi bakatumwambura, abatware n'abamotsi bamuli inyuma, yavuga bati: uli umuhinza, umwami akamutanga we n'abe bakabica. Ibye bikagabwa.

Ibyo tuzakomerezaho.

## INGOMA YA GATUTSI NA KAZUNGU

(1.894 — 1959)

A. UMWADUKO W'ABAZUNGU

## CYA CYANA CY' IKINANI CYIRI MU BIKI ?

Hambere aha nyuma y'igitero cyo ku ya 8 z'ukwa kabiri 1993, Ikinani cyariyamakije kiti Mitingi z'amashyaka nizihagarare. Icyo gihe abaminisitiri barimo n'UWIRINGIYIMANA bararikoroje bati wa Kinani we urashaka kuniga Demukarasi, maze mu nama ya Leta bamukurira inzira ku murima. UWIRINGIYIMANA we yanashyizeho akarusho kuko Perefe HABYARIMANA yashatse kubahiriza itegeko ry'ikinani, uriya mugore agakoresha Mitingi yari ataboneye uburenganzira. Uburere uriya mutegarugomo aherutse kwandikira Perefe ko ngo kuba ari Perezida wa MDR na Minisitiri w'Intebe bimuhesha uburenganzira bwo guhagarika Mitingi za MDR muri Butare na Kigali ngari. Koko muri MDR bamwirukane agume yihome peee!
Ngo ni Perezida wa MDR Butare ? Ese niba akiri we aheruka mu nama ya Biro Politiki ku cyicaro cy'Ishyaka ryari akaba atsinze ?? Aho azasubirira kwanjywa muri Butare ngo arakoresha za Kongere cyangwa inama bazamuabarize icyo kibazo. U Rwanda rugeze aho gutegekwa n'injajwa basigaye bavugiriza induru yihencka mu Byumba byo mu mahoteri nk'Isimbi ngo niho Politiki izajya ikorerwa gusa. Harahagazwe. Mbabajwe n'umusaza AHORUKOMEYE nawe uzashinjwa kuba yarafashe Muka Rusake ku ngufu kandi ntibazabura.

*UMURANGI.*

## GASANA YARIKENGEYE

Minisitiri w'ingabo wikuriyemo ake karenge, GASANA yagiye guha amanota abasirikare (côte) maze akurikije imyitwarire ya SAGATWA, BAGOSORA, na NSENGIYUMVA Anatole bananirwaga kumuha raporo bakazijyana kwa Kinani zitamunyuzeho yagira ngo arababajije bati niko Shefu yadutegetse abaha zeru mucyo bita "Loyauté", ubwo ga ngo nibwo Amasasu nyine yatangiye kumutera ubwoba. Reka rero bizahumire ku murari, i Gikondo hapfe umuntu yishwe n'Interahamwe. HABYARIMANA ati: muyifungure. GASANA ati: sijye ufunga hafunga Gendarumeri. Sibwo HABYARIMANA yishimye mu mutwe ati mbuze ubutegetsi ku buryo abo ntegeka mbabwira gukora ibyo nshaka bakanga ? Ntibyatinze rero muri Congrès ya MRND bagufatira Le Courrier yamusebyaga bayivugaho, GASANA ati ibyo ni ibiki ? HABYARA ati abo banditsi babonye ibyo ukora bidahuye n'umurongo wacu. Byatumye GASANA yibwiriza, ibyo gusubira muri Guverinoma arabyanga avuga ko impamvu ari uko hari dosiye batareka akoraho, bityo akaba adashaka kuba igikingirizo. Sibwo za telefoni z'iterabwoba zitangiye ubwo. Bati grenade twaguteze za Byumba warazikize izindi ntuzazikira. Iyo atayabangira ingata se data ubu aba akiriho ntaba yarahuye na ya ndwara yitwa "Abagizi ba nabi"? Genda Kinani uri Ikinani koko ??

*UMURANGI*

## NARABYIBONEYE

Hari ku wa gatandatu tariki ya 27 Gashyantare (Février) 1993 nyuma ya saa sita ahagana mu ma saa cyenda n'igice. Ubwo TWAGIRAMUNGU yansangaga kwa MUNYANSHONGORE Karoli. Uko nabibonye nabonye ntishimiwe, ubanza hari icyo nari mbangamiyeho abari aho, kuko bakoze uko bashoboye ngo ngende ariko nkanangira. Nyuma y'iminota nka makumyabiri nibwo RUHIGIRA Enoki yinjiye atangira kuvugana na TWAGIRAMUNGU iby'imvura n'umuyaga. Byamaze akanya barahaguruka bajya hanze kuri Terrasse baraganira biratinda. RUHIGIRA yaraje arasezera, TWAGIRAMUNGU we yasezeye nyuma y'iminota 15 undi agiye. Hashize ibyumweru bitatu, nibwo nanyarukiye mu biro bya MUNYANSHONGORE mpamenyera ko TWAGIRAMUNGU yari ategerejwe na Kinani ngo kwa Alufonsi ntabashije kumenya uwo ariwe ku Kimihurura. Uwo munsi ni nabwo namenye ko MUNYANSHONGORE yahaye TWAGIRAMUNGU ibihumbi 500 byo guha M.D.R. abibaza rero uwo TWAGIRAMUNGU akorera nibasobanukirwe.

K.R.
KIGALI

CENTRE DE FORMATION ET RECHERCHE COOP. C.E.R.C. B.P. 1838 Kigali RWANDA

# IMPIRIMBANYI ZIRIBAZA IMPAMVU BATUKA PARMEHUTU BARANGIZA BAKAZITA ABAPARMEHUTU

Iyo Umuntu arebye kandi agakurikira neza amateka y'u Rwanda, asanga ibintu biriho biba muri iki gihe bifitanye isano neza n'ibyateje intambara mu Rwanda muri 1959. Abantu Umuntu atamenya neza icyo bashaka kugeraho bibasiye abayoboke ba MDR, aho bababonye hose bakabanza bagatuka Parmehutu, bakayibeshyera iby'itakoze, ibyo yakoze nabyo bakabikerensa bakabisuzugura, bakabyitiranya n'amahane, akaduruvayo n'ibindi; ariko wakurikira ugasanga ari ukujijisha birengagiza ko MDR Parmehutu yakoreye abanyarwanda, cyane cyane nyine rubanda rugufi, ibintu by'ingenzi yari ikeneye, kandi itari kwigezaho, iyo itikangarira. Uko kwenderanya gukuririzwa n'Abatutsi bafatanije na Twagiramungu nawe wishingikiriza Habyarimana, usanga bisa neza neza n'ibyo Lunari yakoze bikayiviramo akamunani. Impirimbanyi rero icyo Umuntu atabura kuzishima ni uko kenshi usanga zidahutiraho, ndetse ukabona zigerageza kurenga ako gasomborotso ngo ejo MDR itazagwa mu mutego w'imvururu bashaka kwitwaza ngo banige Demukarasi burundu. Nanone birumvikana ko ubwitonzi bugira aho bugarukira, Umuntu akaba atabura gusaba bariya ba Lunari bashotorana batuka Parmehutu barangiza bakita Impirimbanyi abaparmehutu kureka gushotorana kuko nabo imigambi yabo ishobora kubapfana nkabo hambere. Dore uko byanditswe mu gitabo bise : Ingingo z'ingenzi mu Mateka y'u Rwanda.

## URUMULI RWA DEMOKRASI

(1959 - 1 nyakanga 1962)

Ugushyingo 1959: Rubanda rugufi rwipakurura ingoma ya kija na gihake:

### A. UBUSHOTORANYI BWA LUNARI.

Kuva Lunari yashingwa naho imaliye kwimika Ndahindurwa ku buryo budahuye n'umuco w'u Rwanda, ingabo z'iryo shyaka ntizazuyaje, cyane-cyane kubera ko zumvaga zishyigikiwe n'umwami zali zimaze kwiyimikira.

Lunari itangira ubwo gukwira u Rwanda yiyemeza ku ngufu n'itera bwoba, ali nako igenda isebya andi mashyaka atemera Kalinga n'izayo, kuva muli nzeli kugeza mu gushyingo 1959. Nta n'umugayo Lunari yamamazwaga n'abashefu, abasushefu n'abandi batutsi bali ku butegetsi cyangwa bakize, ndetse n'abatoya muli bo.

Lunari muli iryo terabwoba, kuko yatinyaga kuvuga abahutu, ihimbira kuli Aprosoma yandika igipapuro kitwa : «u Rwanda urusasira». «Bana b'u Rwanda, nimuhaguruke Aprosoma yanga u Rwanda n'umwami warwo izatsindwa; Aprosoma irwanya ubwigenge bw'u Rwanda - izatsindwa; Aprosoma ishaka kuduheza mu buja izabizira; Gitera watorewe kugambanira u Rwanda, Gitera waguliwe kurwanya Ubwami mu Rwanda, Gitera waguzwe ngo arwanye ubwigenge bw'u Rwanda azasasirwa imigozi ashaka kurusasira ubwarwo.

Babyeyi b'u Rwanda,

Bana b'u Rwanda

Basore b'u Rwanda,

Duhaguruke nk'umuntu umwe, Gitera n'amanjwe ye n'amashyaka atampaye agaciro baguze u Rwanda. Turahilire icyalimwe tuti : «Rwanda gihugu cyatubyaye tuzagupfira, mba nkuroga. Umugambi ni umwe: kudatangwa ku rugamba. Icyo duharanira ni u Rwanda. Ubutegetsi bwacu: ni imitsindo.»

Ku wa 25 ukwakira 1959 Lunari inyanyagiza i Nyanza inyandiko z'iterabwoba zemeza abatanzwe na Ndahindurwa kandi ngo babashakire kubura hasi kubura hejuru.

Ab'ingenzi ni aba: Musenyeri Perraudin, Bwanakweri, Ndazaro, Kayibanda, Ntoranyi, Kinyebuye, Kamuzinzi, Seruvumba, Makuza,



KAYIBANDA ntako atagize ngo amoko y'u Rwanda yumvikane. Yamaze imyaka hafi y'ubutegetsi bwe bwose ahanganye n'abashakaga gusubizaho ubwami, nyamara ntiyigeze akurura amacakubiri nkayo turiho tubona umukwe we TWAGIRAMUNGU akurura. Nawe se hari naho yaremye ubwoko bwa kane acengeza amagambo mabi mu bantu bafite ababyeyi badahuje ubwoko cyangwa se abafite abagore b'abatutsikazi ngo akunde agwize abayoboke be akomeza kwita ngo "Les modérés" muri MDR nkaho hari intambara abasigaye bigeze bateza. Kuba NSENGIYUMVA baramuvanye ku izima ryo gukora PARTIMA" yari kugirwa n'ibyimanyi bifite impungenge z'ubwoko bwa kane mu gihugu Fawusitini we akaba agiye kubikora mu rwego rwa MDR nabyo ni "ubw'esikoro".
**Niyigendere GAPYISI nabanawe agiye avuze ijambo ry'abagabo.**

## FPR NA MRND KU MBEHE.

Muri iyi minsi MDR yiyemeje gushaka intumwa zo kubonana na FPR, bakaba babonanira i Bujumbura. Impamvu ngo ni uko bashaka kumvisha FPR ko biriya MRND iriho ibashuka ikoresheje abatekamutwe bo mu mashyaka MDR, PL na PSD ngo ngaha bashobora kuzigabanira ubutegetsi bishobora kuroha igihugu kuko MDR itazabyemera. Izo ntumwa zigomba no gusobanura ko ikibazo cya MDR atari icya TWAGIRAMUNGU na NSENGIYAREMYE nkuko TWAGIRAMUNGU akomeza kubibeshya amahanga, ko ahubwo ari ikibazo cye afitanye n'inzego z'ishyaka.
Perezida NDADAYE we amaze gusobanukirwa. Yatumye kuri MDR ati: Mukomere kuri Principes za Demukarasi, mwirinde kwirukira imyanya y'ubutegetsi kandi mwihanganire ababashotora. Birumvikana ko buriya butumwa bugaragaza ko ikibazo cya MDR NDADAYE yarangije kucyumva. Abataracyumva kandi nabo bazacyumva byanze bikunze.
NSENGIYAREMYE i Burayi amaze kubyumvisha benshi ku buryo bamwe mu banyoni b'ino bagiye gusara. Iminsi y'igisambo se ? Ubona bariya banyoni bagiye gutuma za Banque Mondiale n'ibihugu bitwima imfashanyo n'inguzanyo u Rwanda rwateganyirizwaga nyuma y'amasezerano y'Arusha ? Nzaba ndeba icyo bazabeshya rubanda !!

*UMURANGI*

Murangwa na Muhikira bitaga abanzi b'igihugu.

Lunari nkuru, aliwe Ndahindurwa, yoherezaga ibitero mu Rwanda hose, buli gitero gifite amazina y'abagomba gupfa bazira ko batemera Lunari cyangwa se ko bemeye kwigira mu yandi mashyaka avugira rubanda rugufi. Nuko ibyo bitero bya Kigeri biyogoza u Rwanda byica abahutu, nguwo Secyugu, nguwo Mukwiye, ikili Kanyaruka, Sindibona,. Kavumbutse n'abandi.

Bamwe babicishije amahili n'amabuye, abandi babateraga amacumu, abandi babatemeshaga imihoro, abenshi bagafatwa bava mu misa, bava guhaha cyangwa guhinga, abandi bagafatwa bava ku kazi. Ibyo bitero bikwiza inkongi, inkota ziva mu nzubati, amacumu Lunari irayatyaza, bigamije kugenda byica uwitwa Gahutu, bitwika amazu, birasahura, ucitse ku icumu agasigara iheruheru. Reka si intoki n'amakawa byahatemewe ku buryo n'itungo ryose izo ngabo za Ndahindurwa zabaga zidashoboye gutwara zaralitemaguraga, intumbi zigasigara zandagaye ku misozi; abagore bagacibwa amabere, igihugu gicika umuborogo.

Abenshi bafungirwa kwa Ndahindurwa bahicirwa urwagashinyaguro: babajomba ibikwasi umubili wose, babashinga imigera ku birenge. Mu bali bafashwe bahonotse ubwo bugome bwa Ndahindurwa n'ize, Yohani Batista Sagahutu yababera umugabo.

## B. INGARUKA Z'UBUSHOTORANYI BWA LUNARI: REVOLISIYO YA NOVEMBRI 1959:

Iyimikwa rya NDAHINDURWA ryakakaje benshi mu baturage bazi amateka y'u Rwanda, kuko na mbere hose, Umwami wimikwaga yitwa Kigeli yamenaga amaraso y'abantu benshi, ku buryo abaturage batatunguwe n'ubugome Ndahindurwa yatangiranye ingoma ye yicisha abahutu b'ingirakamaro.

Rubanda rubonye abanyabwenge n'abarwanashyaka bajijutse Lunari igiye kubalimbura, bigira inama yo guterana inkunga no gutangira kwirwanaho igihe batewe.

Muli teritwari ya Gitarama, hafi ya Byimana, taliki ya 1 ugushyingo 1959, igitero cy'abatutsi cyashatse kumerera nabi umusushefu Dominiko MBONYUMUTWA, umwe mu basushefu 10 b'abahutu kuli 520 b'abatutsi baliho icyo gihe.

Mbonyumutwa atabarwa na Kayibanda wali yarakulikiye neza uwo mukino wa Lunari. Abahutu babimenye neza ubwo. Abaturage babimenye basanga halimo agasuzuguro n'ubwirasi buvanze: biyemeza kwikulira inzira ku mulima.

Bucya abaturage umujinya wabarembeje, maze basa n'abatombotse bavumbukana abatware b'abatutsi bali barabishe urwagashinyaguro. Barakara rwose aliko, nta na limwe abahutu bigeze bashaka kwica, keretse igihe basangaga bagomba kwitabara. Birumvikana kandi ko iyo bagira igitekerezo cyo kwica abatutsi haba hatarasigaye n'iyonka, kuko ingufu z'abahutu nyamwinshi hatali kugira ikizitanga imbere.

Nuko abaturage birukana abatutsi bali bababogamiye, barabatwikira, babatemera intoki, bifata Marangara yose bishyira Ndiza muli Gitarama, bishyira Ruhengeri kugeza na Butare, ubwo bikwira amateritwari yali agize u Rwanda. Icyo abaturage bishakiraga, kwali ugukanga abanzi babo, kugira ngo babavire aho, amahoro asabane hose.



*MINANI Frodouard.*



*HARERIMANA Gaspard.*

## C. GAHUTU ATSINDIRA DEMOKRASI:

### 1. IMYIFATIRE Y'ABATURAGE INTAMBARA IKIRANGIRA:

Intambara y'ugushyingo 1959:

- yeretse abanyarwanda nyamwinshi ko bwa bwirasi abatutsi n'umwami bagenzaga ntaho bwali bushingiye;
- yagaragaje ingufu z'abahutu, ali nako yereka abanyamahanga umuco mwiza wabo;
- yatumye abaturage barushaho kwizera abayobozi b'abahutu, cyane cyane aho bagaragarije ubushobozi bwabo;
- yagaruye mu murongo wa Demokrasi abanyarwanda benshi bali bashutswe bagata umurongo w'ukuli bakulikira ibinyoma bya Lunari yidederezwaga igira ngo irebe ko bwacya kabili. Kandi baca umugani ngo: «Wirukana umugabo kera ukamumara ubwoba», undi ugasonga uti: «Inkubisi ...... irayitarukiliza».

## LANDO YATAYE IGIHE CYE ?



Mu Isibo no 111, MUSANGAMFURA aratangazwa nuko Lando yamwibeshyeho ngo bahuriye i Kinihira. Ku mubeshyi ukorera TWAGIRAMUNGU nka MUSANGAMFURA rero guhindura ikibazo cya PL n'uburiganya bwa MUGENZI ngo n'icya abatutsi nkuko icyo muri MDR ngo cyabaye icy'abaparmehutu nta gitangaje kirimo. None se Lando aragira ati: icyo tureba ni Principes démocratiques nta kindi ! Ibyo birasobanutse kandi benshi nibyo twemera.

MUSANGAMFURA we arakubita agatima kuri giti mu jisho na Demukarasi ya jyewe Perezida w'ishyaka navuze ... nemeje ko.... akababwa, Lando nashaka ntazirushye ata igihe cye kuko kwigisha Umumotsi wa TWAGIRAMUNGU kuvugisha ukuri no kumwigisha Demukarasi ari nko gutokora ifuku.

*UMURANGI*


## MILIYONI CUMI N'UMUNANI ZIRARIKORA

Ubu inkuru ivugwa cyane muri KIGALI n'ukuntu SAGATWA aherutse gufata akaboko TWAGIRAMUNGU akamujyana muri BACAR kumusabira miliyoni 18 z'amafaranga. Imwe mu nshingano zibanze yahawe gukora muri ayo mafaranga ni ukugumya gusenya MDR ashishikaye, ngo ntazongere kujya abamena amatwi ngo nta mafaranga afite yo gukoresha. Hagati aha nyine nawe ngo asanga Urupfu rwa GAPYISI rusahagije, ngo ariho aritotomba ngo il faut éliminer et casser le Bureau Politique du MDR absolument kuko Impirimbanyi 22 bamutegetse kugurira muri Biro Politiki yazibuze akaba asanga kubica ngo aribyo byoroshye. Amaraso arasama. Nabandamye. Nabandi barapfa bavuze kigabo.

O. NT. B.

CENTRE DE FORMATION ET DE

# BANYARWANDA, NIMUSHISHOZE




*Abishyigikiwemo na ririya soko ryose, TWAGIRAMUNGU yasanze urutare ari urutare. Ubu se HABYARIMANA na MRND bamushuka bo ko batabashije guhanagura MDR — PARMEHUTU burundu.*

Murashishoze, mwibuke imizi y'u Rwanda.
Mushishoze, dukomere ku Rwanda rwacu.
Duhore tuzirikana ba sogokuru na ba sogokuruza bakonze ishyamba kuri uru Rwanda, bakaruturaga. Ruramutse rutabamye duhari twazabahinguka imbere tubebera.

Nimushishoze, ntimukazabe ibivubuka nka TWAGIRAMUNGU Faustin, ushinga akarahira ngo: "Umugabo ni uwihakana iyo avuka, akanga abamubyaye".

Yahakana ate ko atariko akora !

Umuntu utinyuka akabwira Impirimbanyi ngo ntizikavuge ko MDR yacu, ikomoka kuri MDR Parmehutu, akumva ko hari abamukurikira, uretse nyine ba GASANA Anastase.

Birerekana ko atigeze yishimira ko MDR Parmehutu yavanye rubanda mu bucakara, ko yatumye abantu bishyira bakizana kugera MRND IBASUBIZA INYUMA, ko yibagiwe ko aho ageze, abikesha MDR Parmehutu, ko iyo Sebukwe atayirema, we, TWAGIRAMUNGU Faustin, aba yikorera inkangara agana iyo ararikiye, atabizi abyita gushyomoka. Ko MDR Parmehutu, yatumye umunyarwanda asubirana ijambo mu Rwanda rwe, ituma yitunga, akikorera adahakirizwa.

Ibi byiza bya MDR Parmehutu bibabariza iki TWAGIRAMUNGU !!

Atinyuke ngo MDR nisenyuke ! Ngo arayigira iye, ayiganisha mu bayica imizi, batihanganira ibigwi byayo byo kurenganura rubanda, rugomba guhora rureba aho ruva, rugeze n'iyo rujya.

Mushishoze banyarwanda, mwibaze :

HABYARIMANA Yuvenali, ahuye ate na TWAGIRAMUNGU Faustin ku buryo yemera no kumwimika mu mayeri baciye ku kitwa itegeko n'amasezerano y'amashyaka.

Ariko rata HABYARIMANA Yuvenali agifata ubutegetsi ku ngufu 1973, yahise yerekana ko umurage wa Rubanda n'amategeko yabo bitamushishikaje, gusibanganya icyagiriye Rubanda akamaro byabaye intego, kugeza ubwo ashaka guhanagura umunsi w'ISABUKURU u RWANDA rwaboneyeho ubwigenge. Repubulika igasagamba.

Mwibuke ko icya mbere HABYARIMANA Yuvenali yakoze, kwabaye gufunga no kwica Impirimbanyi zasubije u Rwanda izina, zikura bene rubanda ku ngoyi.

Aharanira gusibanganya amateka y'u Rwanda asenya MDR Parmehutu yamukamiye ikamukuza akayibera umwana gito. Ariko amaraso yayo azamuhama. Mbese ubundi uyu muhuzaguriko, wo gucurikiranya ibintu, ngabo abaminisitiri b'intebe badatanzwe n'ishyaka, ngaho ugukuraho k'umunota wa nyuma Guverinoma yagiranye imishyikirano n'inkotany... Ngiyo imigambi yo gutsemba Impirimbanyi aka LUNARI muri 1959. Ibyo byose ngo ni ukugira ngo basibanganye amateka y'u Rwanda ?

Mbe bantu mwe, basomye ikinyamakuru "IMPURUZA" HABYARIMANA Yuvenali, TWAGIRAMUNGU Faustin, MUGENZI Justin, GATABAZI Felisiyani, bafatanyije ngo basenye MDR ISHYAKA RYA Rubanda barashaka iki ? Barakorera nde ?

Murashishoze -abanyamakuru ba Radio-Rwanda, bajya batumena amatwi ngo barakorera igihugu, batara amakuru ngo y'ukuri. None berekanye ko babogamiye ku binyoma. Bitaba ibyo, bazasobanurire rubanda ukuntu batazi ubugambanyi bwa TWAGIRAMUNGU Faustin, wanze gukorana n'ishyaka rye, agaca iruhande, akanga gukurikiza amategeko yaryo n'ayitegeko rigenga amashyaka akagambanira MDR ishyaka rya Rubanda, yarangiza akiyimika ashyigikiwe n'abamutiza umuhoro. Radiyo imuha ijambo. Abanyamakuru ntibazi ubugambanyi bwe ?

Uko yagiye i Buruseli, n'andi mashyaka ariyo PL na PSD, MDR ishyaka rya Rubanda baramubwiye ngo ntagire ibyo asinyana nabo, akarengaho agasinya ibibangamiye Rubanda agarutse MDR iramuhana, acurikiranya indahiro ngo ntazongera. Bidateye kabiri. Inkotanyi zishaka kubononanira i Bujumbura n'amashyaka, MDR ibwira TWAGIRAMUNGU na none, iti uramenye ntukagire ibyo usinya bitubangamiye. Muri bwa bugambanyi arongera asinya ibibangamiye Rubanda aka HABYARIMANA i Nsele.

Impirimbanyi ziramuhana arongera asaba imbabazi, yewe anabivuga no kuri Radio. None abanyamakuru bashyigashyige ! Mutima muke ... ashojereje ubugambanyi mu guhura na HABYARIMANA Yuvenali muri MRND YASHINZE IKAZA ihinahina umunyarwanda, imubuza uburenganzira MDR Parmehutu yari yamuzaniye bwo kwikorera, yishyira akizana